REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2025

10 Ukwakira 2025

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Nzeri 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,3% ugereranyije na Nzeri 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2025 byari byiyongereyeho 7,1%.

Mu kwezi kwa Nzeri 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,7%.

Ugereranyije Nzeri 2025 na Nzeri 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 8,9%.

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,9% n'ibiciro by'uburezi byiyongereyeho 11,5% .

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Nzeri 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 5,5% ugereranyije na Nzeri 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2025 byari byiyongereyeho 5,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Nzeri 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 54,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,3%.

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,7%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nzeri 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 6,2% ugereranyije na Nzeri 2024. Mu kwezi kwa Kanama 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 6,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Nzeri 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 12,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 62,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 6,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,1% .

Ugereranyije Nzeri 2025 na Kanama 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2024 kugeza muri Nzeri 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2024 | | | | 2025 | | | | | | | | |
| | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 2,5 | 3,8 | 5,0 | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 |
| Mu byaro | -2,9 | -1,5 | 2,4 | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 |
| Mu Rwanda | -0,8 | 0,5 | 3,4 | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,2 | 1,5 | 0,1 | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 |
| Mu byaro | 1,6 | 2,5 | 1,4 | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 |
| Mu Rwanda | 1,5 | 2,1 | 0,9 | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw